Kinya Rwanda

NOVA SCOTIA

# Amashuri ya Leta n'uburyo bwo kwandikisha umwana wawe ku ishuri

**Amabwiriza ku Miryango Mishya**

Nova Scotia yiyemeje ko abana bose bahabwa uburezi bufite ireme ryo hejuru.

Abanyeshuri bo mashuri y'incuke cyangwa abo mu mashuri abanza kugeza barangije icyiciro cya12 bashobora kwiga hakoreshejwe imwe mu nzira eshatu zikurikira:

- Bashobora kwiga mu ishuri rya Leta, batishyura amafaranga y'ishuri.
- Bashobora kwiga mu ishuri ryigenga, bishyura amafaranga y'ishuri.
- Bashobora kwigira mu rugo.

Amakuru akubiye muri iki gitabo azagufasha kumenya byinshi ku mikorere y'amashuri ya Leta ndetse n'uburyo bwo kwandikisha umwana wawe ku ishuri.

## Amakuru rusange

Urwego rwa leta ya Nova Scotia rushinzwe Uburezi n'imikurire y'umwana rushinzwe uburezi abanyeshuri bahabwa kuva mu mashuri y'incuke cyangwa abanza kugeza barangije ayisumbuye icyiciro cya 12 mu mashuri ya Leta.

URWEGO RWA LETA YA NOVA SCOTIA RUSHINZWE UBUREZI N'IMIKURIRE Y'UMWANA rukorana n'ibindi bigo n'imiryango itandukanye mu rwego rwo guteza imbere:

- Integanyanyigisho y'amasomo y'uburezi bw'ibanze (ku bana bato kugeza ku mwaka wa mbere w'amashuri abanza).
- integanyanyigisho y'amashuri ya Leta (amashuri abanza kugeza ku ayisumbuye icyiciro cya 12)
- politiki,porogaramu na serivisi z'uburezi
- ibikoresho cyangwa ibindi bintu byafasha umwana mu myigire kugira ngo atsinde

Abafatanyabikorwa n'imiryango ikorana n'URWEGO RWA LETA YA NOVA SCOTIA RUSHINZWE UBUREZI N'IMIKURIRE Y'UMWANA ni:

- Ibigo by'Uturere bishinzwe Uburezi (Regional Centres for Education, RCEs) ku byerekeye porogaramu z'amashuri ya Leta yigisha mu Cyongereza, harimo n'amasomo y'Igifaransa nk'ururimi rwa kabiri.
- Conseil scolaire acadien provincial (CSAP) ku byerekeye porogaramu z'amashuri ya Leta yigisha mu Gifaransa nk'ururimi rwa mbere
- Serivisi zo guteza imbere imikurire y'umwana za Nova Scotia, zitanga serivisi ku miryango irimo abana bato kuva bavuka kugeza bageze ku myaka yo kwiga, bakeneye ubufasha bwihariye mu mikurire yabo.
- ibigo byita ku bana byemewe n'amategeko
- Abandi bafatanyabikorwa b'umuryango

## Indimi zikoreshwa mu mashuri ya Leta

Amashuri ya Leta muri Nova Scotia ategurwa mu mashuri yigisha mu Cyongereza nk'ururimi rwa mbere, aho porogaramu zishyirwa mu bikorwa n' Ibigo by'Uturere bishinzwe Uburezi (Regional Centres for Education, RCEs), ndetse n'amashuri yigisha mu Gifaransa nk'ururimi rwa mbere, aho porogaramu zishyirwa mu bikorwa na Conseil scolaire acadien provincial (CSAP).

Mu mashuri y' Ibigo by'Uturere bishinzwe Uburezi (Regional Centres for Education, RCEs)

- abanyeshuri biga mu cyongereza
- Abanyeshuri biga Igifaransa nk'Isomo Ry'Ibanze kuva mu cyiciro cya 4 kugeza ku cya 9
- Porogaramu z'Igifaransa nk'ururimi rwa kabiri, zitanga uburezi ku banyeshuri batavuga igifaransa nk'ururimi kavukire, ziboneka mu mashuri amwe na amwe.
- ishuri rizajya rivugana n'umuryango mu Cyongereza.

Mu mashuri ya Conseil scolaire acadien provincial (CSAP)

- abanyeshuri biga mu gifaransa
- abanyeshuri biga mu cyongereza kuva ku cyiciro cya 4
- ishuri rizajya rivugana n'umuryango mu Gifaransa

Conseil scolaire acadien provincial (CSAP) ifite amashuri mu ntara yose.urubuga rwa Conseil Scolaire acadien provincial (CSAP) rutanga amakuru ku byerekeye porogaramu n'ibisabwa kugira ngo umuntu yemererwe kwiga.


## Umuturanyi wawe,ishuri ryawe

Ishuri umwana wawe ajyamo rishingira ku gace mutuyemo. Mu bihe bimwe, ushobora kwandikisha umwana wawe mu ishuri riri hanze y'agace utuyemo. Hamagara Ibigo by'Uturere bishinzwe Uburezi (Regional Centres for Education,RCEs) cyangwa Conseil scolaire acadien provincial (CSAP) yo mu gace kanyu kugira ngo ubone amakuru arambuye.

Muri Nova Scotia hari Ibigo by'Uturere bishinzwe Uburezi (Regional Centres for Education, RCE) 7 na Conseil scolaire acadien provincial (CSAP) 1. Reba ku ikarita iri hasi kugira ngo umenye iyawe. Ikarita nto igaragaza aho amashuri ya Conseil scolaire acadien provincial (CSAP) ari, akaba ari mu ntara yose.

## Sisitemu y'Amashuri ya Leta ya Nova Scotia

Muri Nova Scotia hari Ibigo by'Uturere bishinzwe Uburezi (Regional Centres for Education, RCE) 7 byigisha mu cyongereza na kimwe cyigisha mu gifaransa nk'ururimi rwa mbere Conseil Scolaire acadien provincial (CSAP).




# Porogaramu y'ishuri

## Amashuri y'incuke

- Amashuri y'incuke ni porogaramu y'uburezi bw'ibanze, itishyurwa kandi ikorwa ku bushake.
- Buri mwana muri Nova Scotia ufite imyaka ine ku itariki ya 31 Ukuboza mu mwaka ubanziriza itangira ry'amashuri ashobora kujya kwiga mu mashuri y'incuke.
- Amashuri y'incuke yakira bose. Abana bafite ubushobozi bwose bwo kuyitabira hatitawe ku kuba ufite ubumuga cyangwa utabufite.
- Abarimu b'abana bato (Early Childhood Educators,ECEs) bazayobora imikino y'umwana wawe mu buryo bumufasha mu mikurire ye.
- Amashuri y'incuke afasha abana kwitegura kujya mu mashuri ya Leta. Umwana wawe ntasabwa kujya mu mashuri y'incuke kugira ngo yemererwe kwiga mu mashuri abanza. Ni wowe uhitamo niba wohereza umwana wawe mu mashuri y'incuke cyangwa utamwohereza.

## Amashuri abanza kugeza mu ayisumbuye icyiciro cya12

- Umwana wawe agomba kuba afite byibura imyaka itanu ku itariki ya 31 Ukuboza kugira ngo atangire amashuri abanza.
- Abana bafite hagati y'imyaka 5 na 16 bagomba kujya ku ishuri. Ishuri rishobora kuba irya Leta, ryigenga, cyangwa kwigira mu rugo.

- Amashuri yose ya Leta muri Nova Scotia ni ayakira bose kandi yiyemeje kwimakaza indangagaciro z' umuco n'ururimi rw'abanyeshuri, bishyigikira imibereho myiza n'intsinzi ya buri munyeshuri.
- Amashuri yo muri Nova Scotia ateguwe nk'uko bigaragara hasi, nubwo hashobora kubaho itandukaniro rito:
    - Amashuri y'ibanze (amashuri y'incuke kugeza mu ayabanza icyiciro cya 6)
    - Amashuri yisumbuye icyiciro cya mbere (kuva ku cyiciro cya 7 kugeza 9)
    - Amashuri yisumbuye icyiciro cya kabiri (kuva ki cyiciro cya 10 kugeza 12)
- Amwe mu mashuri ashobora guhuza abanyeshuri b'ibyiciro bitandukanye ku kigo kimwe.

## Kwiyandikisha ku ishuri

### Igihe n'aho kwandikisha umwana wawe ku ishuri

- Ugomba kwandikisha umwana wawe mbere y'uko atangira ishuri.
- Ushobora kwandikisha umwana wawe ujya ku ishuri ubwawe, ukoresheje imeyili,cyangwa uhamagaye kuri telefoni ku ishuri ryo mu gace mutuyemo. Ishuri ryo mu gace mutuyemo rishobora kandi kugira ifishi yo kwiyandikisha iri ku rubuga rwaryo rwa interineti.Ushobora kuyuzuza, maze ishuri rikaguhamagara cyangwa rikakwandikira kugira ngo murangize uburyo bwo kwiyandikisha. Ushobora kubaza ku byerekeye porogaramu z'Igifaransa nk'ururimi rwa kabiri ziboneka igihe wiyandikisha mu ishuri ry'agace utuyemo.
- Niba umwana wawe afite ubumuga, ikibazo cy'ubuzima, cyangwa akeneye ubufasha bwihariye, ugomba kubimenyesha ishuri igihe wiyandikisha.
- Kubona ubufasha bwisumbuye mu kwiyandikisha, hamagara Ibigo by'Uturere bishinzwe Uburezi (Regional Centres for Education,RCE)**/** Conseil scolaire acadien provincial (CSAP)**,** umuryango mpuzamahanga utanga serivisi z'imibereho myiza n'iterambere ry'abaturage (Young Men's Christian Association, YMCA), YREACH gahunda ifasha urubyiruko n'imiryango mishya kwiyubaka no kwinjira mu buzima bwa sosiyete muri Nova Scotia, cyangwa Immigration Francophone itanga serivisi ku bimukira bavuga igifaransa.

Inyandiko uzasabwa gutanga

Uzatanga inyandiko nyinshi kugira ngo wandikishe umwana wawe. Izi nyandiko zigomba kuba mu buryo bwa elegitoronike, nko mu ishusho, PDF, cyangwa porogaramu ya mudasobwa y'inyandiko.

- Icyemezo cy'imyaka y'umwana wawe, icyemezo cy'amavuko cyangwa pasiporo
- Icyemezo cy'aho utuye, gishobora gutangwa hamwe na kopi igaragaza amakuru y'amafaranga kuri konti yawe yo muri banki, telefoni, fagitire y'amashanyarazi, cyangwa amasezerano yo gutura mu nzu agaragaza izina ryawe n'aho utuye. (Icyitonderwa: uruhushya rwo gutwara imodoka ntirwemewe nk'icyemezo cy'aho utuye.)
- Tanga kimwe muri ibi bikurikira nk'icyemezo cy'ubuhunzi bw'umwana wawe cyangwa ubwenegihugu: icyemezo cyo gutura burundu, ikarita yo gutura burundu cyangwa pasiporo ya Canada, uruhushya rwo gukora, uruhushya rwo kwiga, uruhushya rw'igihe gito rwo gutura, cyangwa Inyandiko y'usaba kurengerwa nk'impunzi.
- Niba bishoboka, shyiraho inyandiko zabanje zerekana imyigire y'umwana wawe,nk'amanota, indangamanota, cyangwa raporo z'ishuri zisobanuye mu Cyongereza cyangwa mu Gifaransa. (Icyitonderwa:icyiciro cy'amashuri umwana wawe yari yarizemo mbere yo kuza muri Nova Scotia gishobora kutajyana n'icyiciro yajya kwigamo muri Nova Scotia.)
- Ha ishuri nimero za telefoni zo mu rugo no ku kazi, n'izina na nimero ya telefoni y'inshuti, umuryango, cyangwa umuturanyi. Ishuri rizakoresha aya makuru kugira ngo rikumenyeshe mu gihe habaye ibyihutirwa. Aya makuru ahore ku gihe kandi uzage ubimenyesha ishuri igihe nimero ya telefoni yahindutse.

- Andika nimero ya telefoni y'ishuri ry'umwana wawe hamwe n'izina ry'umwarimu w'umwana wawe, umuyobozi w'ishuri,n'umuyobozi w'ishuri wungirije kugira ngo uzage uvugana n'ishuri igihe bibaye ngombwa.
- Reba urubuga rwa interineti rw'ishuri kugira ngo urebe niba bafite igitabo cy'amabwiriza. Ibi bizakwereka politiki n'amategeko yose ugomba kumenya.
- Menyesha ishuri niba umwana wawe afite ubwivumbure bw'umubiri, indwara, cyangwa imiti agomba gufata mu gihe cy'amasaha yo kwiga. Ishuri rigomba kumenya ibi kugira ngo rishobore gutabara mu gihe habaye ibyihutirwa bijyanye n'umwana wawe.

Ubumenyi bw'ururimi bw'umwana wawe

- Ishuri ryawe rishobora gusaba umwana wawe gukora isuzuma ry'ururimi kugira ngo hamenyekane neza uko yumva, avuga, asoma, kandi yandika mu Cyongereza cyangwa mu Gifaransa. Niba bikenewe, azigishwa Icyongereza nk'Ururimi rw'Inyongera mu bigo by'Uturere bishinzwe Uburezi cyangwa Igifaransa nk'Ururimi rw'Inyongera mu mashuri ya Conseil scolaire acadien provincial (CSAP).
- Abarimu bigisha Icyongereza nk'Ururimi rw'Inyongera/ Igifaransa nk'Ururimi rw'Inyongera bafasha abanyeshuri n'abarimu mu mashuri. Baza ishuri ryawe uburyo batanga ubufasha bw'Icyongereza nk'Ururimi rw'Inyongera cyangwa Igifaransa nk'Ururimi rw'Inyongera.

## Uburyo bwo kubona amakuru

Kubona andi makuru, hamagara Ikigo cy'Akarere gishinzwe Uburezi (Regional Centre for Education, RCE) cyangwa Conseil scolaire acadien provincial (CSAP).

- **Annapolis Valley Regional Centre for Education** (AVRCE)
- **Cape Breton-Victoria Regional Centre for Education** (CBVRCE)
- **Chignecto-Central Regional Centre for Education** (CCRCE)
- **Conseil scolaire acadien provincial** (CSAP)
- **Halifax Regional Centre for Education** (HRCE)
- **South Shore Regional Centre for Education** (SSRCE)
- **Strait Regional Centre for Education** (SRCE)
- **Tri-County Regional Centre for Education** (TCRCE)
- **SchoolsPlus itanga serivisi n'ubufasha butandukanye kandi iboneka muri buri shuri ryo muri** Nova Scotia

Kubona ubufasha mu muryango w'aho utuye, hamagara:

- **YMCA School Settlement** – iboneka mu karere k'umujyi wa Halifax Regional Municipality (HRM)
- **YREACH** – iboneka mu ntara yose(hanze ya HRM)
- **Immigration Francophone** – iboneka binyuze ku mukozi ushinzwe abanyeshuri n'imiryango y'abimukira